

Language L.41


# Ruwanda



مركز المعلومات الإسلامي  
Islamic Information Center

لتعريف بالإسلام

Version Date: September 2022



Part of the




Learn more about Islam with our informative and educational materials, translated to over 50+ languages

@islamicdxb



# CONTENTS



# IBYEREKEYE UBUYISILAM

RUWANDA

(01/07)

نبذة عن الإسلام

FREE COPY

*Incamake kubyerekeye  
Ubuyisilam*




*Your Path To Peace..*

مركز المعلومات الإسلامي  
Islamic Information Center

التعريف بالإسلام

دائرة الشؤون الإسلامية والعمل الخيري | تصريح رقم: (2017/139) | Islamic Affairs & Charitable Activities Department

[www.islamicic.com](http://www.islamicic.com)



# Ibyerekeye ubuyisilam

Islam ni umurongo wuzuye ushishikariza umuyoboke kwiyegezeza Imana. Wigisha abantu gushakisha ibyishimo n'amahoro arambye mu kwiyegezeza Imana, no gukurikiza amabwiriza yayo ukora ibikorwa byiza.

Abaslim bangana na 1/5 cy'abatuye isi bituma Islam iba imwe mu madini afite abayoboke benshi. Imyemerere ndetse no kuramya Imana imwe y'ukuri ni imwe mu nkingi za Islam.

*Ikimenyetso cyihariye cya Islam aho itandukaniye n'andi madini ni uko ititirirwa umuntu cyangwa ubwoko.*

Kwizera no gusenga Imana imwe y'ukuri niyo mpamvu n'umusingi w'ubuzima muri Islam.

Islam ni ijamba ry'icyarabu risobanura "Kwitangira" Imana y'ukuri. Umuntu witangira Imana ku bushake bwe niwe witwa Umuslim, yaba utitaye kw'ibara rye cyangwa ubwoko ubwaribwo bwose.

## Inkingi 6 z'imyemerere

Allah ni izina ryihariye ry'Imana



### 1. Kwizera Imana

"Allah" ni izina ryihariye ry'icyarabu ry'Imana y'ukuri. Imana ntigira umwanzi, ntigira umufasha, ntawe bangana, abana cyangwa ababyeyi. Ntabwo ari nk'ibiremwa byayo kuko nta kintu na kimwe basangiye inshingano.

Amwe mu mazina yayo ni: Umuremyi, nyir'imbabazi, umuyobozi w'ikirenga, nyir'imbaraga, umunyakuri, umunyabwenge, umumenyi wa byose.

Ni umuremyi wa byose, niwe waduhaye imigisha myinshi nk'ubushobozi bwo kwumva, kureba, gutekereza ndetse n'ubushobozi bwo kugenda, kuvuga no gutanga umusaruro. Ku bwizo mpamvu, dukwiye kwemera, tugashima ndetse tukamuramya wenyine dukurikiza amabwiriza ye.

Birakwiye kuvuga ko iyi si itari kubaho ku bw'umuntu atari ku bw'ububasha bw'ikirenga, ku bw'izo mpamvu ntabwo byaba bikwiye kumva ko isi yiremye cyangwa yabayeho ku bw'ibikorwa bitandukanye



## 2. Kwizera Abamalayika

Abamalayika baremwe mu rumuri, bafite inshingano zihariye kandi ntibasuzugura umuremyi wabo. Hari abavuzwe nka Gabriel utanga ubutumwa bw'Imana ku ntumwa z'Imana, na malayika w'urupfu utwara roho z'abantu.

## 3. Kwizera Ibitabo byahishuwe.

Allah yahishuye ubutumwa ku ntumwa ze nk'umuyorobo n'impuhwe ku bantu. Ubuwo butumwa burimo: Torah n'ivanjiri byahawe Musa na Yesu ndetse na Quran yahawe Muhammad (Amahoro abe kuribo).

Quran n'ijambo ry'Imana n'ubutumwa bwa nyuma ku kiremwa-muntu.

Hari ibimenyetso bigaragaza ko yaturutse ku mana, ibyo ni ibi bikurikira:

- Irimo ubutumwa bworoshye bwerekana imyemerere y'umuntu ku Mana.
- Irimo imikoreshereze yihariye y'ururimi rw'icyarabu ndetse n'uburyohe bw'imivugire yarwo nyamara Quran yarahishuriwe intumwa Muhammad (amahoro abe kuri we) wari uzwi nk'injiji.
- Irimo ibimenyetso byinshi bya science byavumbuwe vuba aha nyamara byarahishuwe mu myaka 1400 ishize.
- Amagambo yayo arasigasiwe kuva yahishurwa mu rurimi rwayo rw'umwimerere rw'icyarabu bitandukanye n'ibindi byanditswe birimo ubuyobe, byahinduwe cyangwa byabuze.

*Ikindi gitangaza cya Quran ni uko nta makosa abamo cyangwa ubutumwa buvuguruzanya.*

Igisobanuro cy'ibitangaza bya Quran ni uko bituruka ku mana yonyine. Hamwe n'amagambo y'ukuri ndetse n'ibikorwa by'Intumwa y'Imana Muhammad (amahoro y'Imana abe kuri we) niyo nzira y'ibanze y'ubumenyi bwa Islam

## 4. Kwizera Intumwa



Abaislam bizerako intumwa ibihumbi n'ibihumbi zoherejwe n'Imana byibuze muri buri gihugu gutanga ubutumwa bwayo.

Izo ntumwa ni: Adam, Noah, David, Joseph, Moses, Yesu na Muhammad amahoro abe kuribo. Ubutumwa bwabo bwari ukugarura abantu ku kwizera Imana imwe rukumbi ndetse no kuba urugero rwo kubaha Imana no kubereka inzira ikwiye.

Intumwa ntaho zisa n'Imana, kuziramyia cyangwa kuramyia Imana binyuze kurizo, ntibyemewe kandi bifatwa nko kudaha Imana uburenganzira bwayo bwo kuyisenga.

### - Intumwa Yesu

Abaislam bemerako Yesu ari intumwa y'icyubahiro y'Imana yavutse mu buryo bw'igitangaza kuri nyina Maria wari isugi.



Yakoze ibitangaza byinshi ahawe uruhushya n’Imana, twavuga nko gukiza abarwayi, gukiza impumyi ndetse no kuvuga akivuka arengera nyina washinjwagwa. N’ubwo abaislam bubaha bakanakunda Yesu, ntabwo bamusenga, ntibamufata nk’Imana cyangwa umwe mu bagize ubutatu butagatifu cyangwa kuba hari aho asa n’Imana.

Imana iragira iti:

*“ALLAH si uwo kwiha umwana, Ubutagatifu ni ubwe. Iyo yategetse ikintu mu by’ukuri arakibwira Ba Kikaba. Quran: 19:35*

## - Intumwa Muhammad

Muhammad niwe wasozereje intumwa, yohererejwe abantu bose. Yazanye Quran kwerekana uburyo inyigisho zayo zikwiye gushyirwa mu bikorwa ndetse akaba urugero rwiza rw’umunyakuri, ubutabera, umunyembabazi, umunyempuhwe ndetse akaba igihangange. Nk’uko biri kuri Yesu, abaislam ntibasenga Muhammad.

## 5. Kwizera umunsi w’urubanza

Umunsi w’urubanza ni umunsi wa ngombwa igihe buri muntu wese azahagarara imbere y’umuremyi abazwe ibyiza yakoze.

Ibikorwa byacu bizahabwa agaciro runaka hatitawe ku ngano yabyo.

Kuri uyu munsi Imana y’ukuri izaca urubanza mu butabera kandi nta muntu uzarenganywa.

Buri muntu wese azahabwa ukuri kwe kandi abantu bose bazafatwa kimwe bahabwe ijuru cyangwa igihano cy’umuriro utazima.

*Iyo hataza kubaho umunsi w’urubanza nta kuri kwari kubaho mu buzima kuko abantu bose ntibahabwa ubutabera mu isi.*


## 6. Kwizera igeno

Allah azi byose byabayeho, ibiriho na buri kintu cyose kizabaho. Imana ifite ububasha kuri kintu, nta kintu na kimwe kibaho itabizi cyangwa itagihaye uruhushya.

Buri muntu wese yahawe uburenganzira bwo guhitamo icyiza n’ikibi kandi azabibazwa.

Guhitamo ntibisobanuye ko ibiba Imana iba itabizi cyangwa ububasha bw’Imana bukumira uburenganzira bwo guhitamo.

Kuba Imana izi ibyemezo abantu bafata ntibisobanuye ko bashyirwaho agahato mu gufata ibyo byemezo kandi Imana ntishimishwa na buri cyemezo bafata.



# Inkingi 5 zo gusenga

Umusingi w'ubuzima bw'umuislam

## 1. Kugaragaza imyemerere

Kugaragaza imyemerere ni ukuba umuhamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa mukuri usibye Allah wenyine ndetse na Muhammad akaba ari intumwa yayo.

Bigomba gushingira ku kwizera guhamye ku mutima bigakurikirwa n'ibikorwa. Muri iyo myemerere

umuntu yanga ibigirwamana byose agahamyako Allah ariwe wenyine ukwiye gusengwa, akemera intumwa ye yanyuma bityo akaba umuislam.

## 2. Amasengesho 5 ya buri munsi

Isengesho rihuza umuislam n'umuremyi, kuko ari igikorwa gihoraho cyibutsa umuntu inshingano ze ku mana no guhora ayubaha.

Buri sengesho rikorwa iminota micye rikaba rigizwe n'igisomo cya Quran, gusingiza Allah ndetse n'ibikorwa byose byahariwe gusingiza Imana. Mu kwitegura gusenga, abaislam bakaraba bimwe mu bice bigize umubiri nko mu maso n'amaboko mu rwego rwo kweza umubiri wabo.

*Amasengesho akorwa mu rucyerera, ku manywa, ku gicamunsi, ku mugoroba ndetse na nijoro.*

## 3. Ituro rya buri mwaka

Ituro rya buri mwaka ni itegeko kuri buri muislam wujuje ibisabwa nko kuba afite ubutunzi,

ku kigero cya 2. 5% bizahabwa abakene cyangwa abafite amadeni.

Byeza umutungo w'umuntu kandi bifite ibyiza byinshi haba kuwatanze cyangwa uwahawe.


Bimwe mu kamaro kabyo ni ukugabanya intera hagati y'umukire n'umukene bigatuma buri wese abona ibyiza by'ibanze

## 4. Igisibo ngarukamwaka

Buri mwaka mu kwezi kwa Ramadhan abaislam barasiba guhera mu rucyerera bigomwa ibyo kurya, kunywa ndetse n'imibonano mpuzabitsina.

Ibi bifasha kugandukira Imana no kwiyeza ndetse bifite akamaro kenshi ku buzima.

*Ramadhan ni ukwezi kwa 9 ku ngenabihe ya kislam*



## 5. Umutambagiro mutagatifu

Umutambagiro mutagatifu ku musigiti wa Makkah muri Arabia Saudite ni igikorwa gikorwa rimwe mu buzima bw'umuntu igihe aba afite ubushobozi bw'umubiri n'amikoro.

Iki gikorwa ni ngaruka-mwaka ku ngengabihe ya kislam, gihuza abantu b'ubwoko bwose bagahuzwa no kugandukira Imana y'ukuri.

Uru rugendo rugizwe n'ibice byinshi birimo gutanga igitambo, gukora urugendo no gusengera mu bice bitandukanye.

Iki gikorwa cyeza umuntu akagira kwihangana ndetse akanashima nyagasani.

*Abakora umutambagiro mutagatifu bambara imyenda isa kugira ngo bose babe bareshya imbere y'Imana.*

## Igikorwa cyo gusenga

Igikorwa icyaricyo cyose gishimisha Allah.

Imyumvire ya Islam kubyerekeye gusenga ntabwo igarukira gusa ku nkingi eshanu. Kugandukira Imana ni igikorwa icyaricyo cyose cyo gushimisha Allah. Ibikorwa bya buri muni bishobora kuba ibikorwa byo kugandukira Imana mu gihe ufite umugambi mwiza kandi ibyo bikorwa bikaba byubahiriza amategeko y'Imana. Urugero; ni uguseka, kubana neza n'abaturanyi ndetse no gukura imyanda ku muhanda.

Bikwiye kumvikana ko Allah atagandukira umuntu uwariwe wese ahubwo ni twe bwe abantu dufite inyungu mu kugandukira Allah kuko ni twe bwe tumukeneye kandi kugandukira Imana ni inyungu kuri twe bwe.

## Umusozo

Ingingo zerekeye imyizerere ndetse n'ibikorwa byo kugandukira Imana nibyo kamaro ka Islam.

Iyo bishyizwe mu bikorwa ni igisubizo mu buzima ndetse n'imibereho y'abantu kandi ni umurongo ngenderwaho mu buzima. Nibwo buryo bwonyine bw'ubuzima bwemewe n'Imana nyiri ubuhangange, kandi niyo nzira yonyine iganisha ku ijuru

*“Ukora ibyiza yaba gabo cyangwa gore ari umwemera, rwose tuzamubeshaho ubuzima bwiza, kandi tuzabahemba ibihembo byabo kubera ibyiza bakorağa. Quran 16:97.*

**HOTLINE**

**+971 56 204 2045**




**islamicicdx**

islamicic.com info@islamicic.com +971 4 355 5223



DOWNLOAD RWANDA FLVER  
www.lcdxb.com/rwanda

# CONTENTS



# IMYUMVIRE Y'IMANA MURI ISLAM

RUWANDA

(02/07)

مفهوم الإله في الإسلام

FREE COPY

*Imana umuremyi  
nta wuyisumba*



*Your Path To Peace..*

مركز المعلومات الإسلامي  
Islamic Information Center

للشؤون الإسلامية

دائرة الشؤون الإسلامية والعمل الخيري | Islamic Affairs & Charitable Activities Department  
(2017/139)

[www.islamicic.com](http://www.islamicic.com)



# Hariho Imana?

Hari impamvu nyinshi zikomeye zo kwizera Imana. Impamvu eshatu ni izi zikurikira:

## Gahunda y'isi

Tekereza kuba umuntu agenda ku nkombe zikiyaga agasanga isaha mu mucanga. Watekerezako iyo saha yahaje yahizanye yonyine?

Mu kwanzura ntiwari gutekereza ko yavuye mu mucanga ikaba iri aho ku bw'amahirwe. Ntabwo ibice byose by'ibikoresho byakomotse ku bitabye mw'isi. Isaha ifite uwayikoze, kandi niba isaha ivuga igihe nyacyo, uwayikoze agomba kuba ari umunyabwenge. Ibintu bibaho ku ruhurirane ntabwo bitanga igihe nyacyo.

Tekereza kuri iyi si, igihe cyayo gishingiye ku izuba aho abanyasiyansi bavuga ko isi ishingiyeye ku mirasire y'izuba no kurenga kw'izuba. Nk'uko isaha ikorwa n'umunyabwenge kugira ngo abantu bamenye igihe nyacyo, ni nk'uko isi yaremwe n'umunyabwenge kugira ngo abantu bamenye igihe nyacyo, isi byari kubaho byikoze?

Mu buryo bumwe iyo tubonye amategeko ndetse na gahunda zitandukanye muri twebw ndetse n'isi muri rusange ese si ukuri ko isi ifite umuyobozi? Ibi bisobanuye kubaho kw'Imana, yo yazanye amategeko mu isi.

## 2. Intangiriro y'isi


Muri science bavugako isi ifite intangiriro. Ibi bivugwa hashingiwe ku bushakashatsi buherutse gukorwa buvugako isi irimo kwaguka, kandi iyo dusubije amaso inyuma mu bihe byahise, dusanga hari ibimenyetso bigaragaza intangiriro y'isi.

Hari ibisobanuro bitatu bigaragaza intangiriro y'isi :

- 1 Isi yaremwe mu busa
2. Isi yariremye
3. Isi yararemwe

Ku gisobanuro cya kabiri, ku mitekerereze isanzwe ivuga ko ikintu cyagira icyo gikora mbere y'uko kibaho. Ibi rero bihita bitujyana ku ngingo ya gatatu: Ikiremwa cy'ikirenga cy'ikinyabwenge, Imana yaremwe isi.

*Ku mitekerereze ya muntu igaragaza ko ikintu gifite intangiriro ntabwo kibaho kidafite aho cyaturutse.*



Abantu bashobora kwibaza ibibazo “Ninde waremye isi?” Umuremyi atandukanye n’ibiremwa bye. Iyo iza kuba ari kimwe n’ibiremwa byayo nawe yari kuremwa ibyo byari gutuma habaho abaremyi benshi kandi ntibishoboka. Ububasha bwe burenze ibigize isi. Imana yahozeho kandi ntigira intangiriro, ku bw’izo mpamvu ikibazo cyerekeye uwaremye isi ntigikwiye.

### 3. Iyahishuwe n’Imana

Hari ibimenyetso ko igitabo cya Islam, Qur’an ari ijambo ry’Imana.


Iyi ni incamake ibyemeza:

*Niba Imana yarahishuye igitabo cy'imirongo ngenderwaho mu buzima bw'ikiremwa muntu, twari dukwiye kwemera ko icyo gitabo gifite ibimenyetso by'ukuri bigaragaza ko Imana iriho.*

- Qur’an yahishuwe mu myaka 1400 ishize kandi ikaba ifite ibimenyetso by’ukuri bya science bitari bizwi n’abantu bikaba byaravumbuwe n’abashakashatsi mu gihe gito gishize. Ingero ni izi: Kuba amazi ari isoko y’ibinyabuzima byose ( Qur’an 21:30); kwaguka kw’isi( 51:47) ; n’ibinogori by’izuba n’ukwezi ( Qur’an 21:33).

- Qur’an igizwe n’ibihamya byinshi by’amateka bitari bizwi n’abantu muri icyo gihe ndetse n’ibindi byahishuwe vuba byaje kugaragara ko ari ukuri.
- Qur’an nta makosa igira ndetse nta kwivuguruza kubamo.
- Qur’an yarasigasiwe ijambo ku ijambo dore ko yahishuwe mu rurimi rw’umwimerere rw’icyarabu bitandukanye n’ibindi byahishuwe bitagifite umwimerere wabyo.
- Ubutumwa rusange bwa Qur’an bugaragaza imyemerere y’ikiremwa muntu ku mana nyiri ububasha.
- Qur’an yahishuriwe Intumwa Muhammad (amahoro abe kuriyo) wari uzwi mu mateka nk’injiji. Nyamara Qur’an igizwe n’uburyo bw’imivugire yiharire buzwi nk’umwimerere w’imivugire myiza y’icyarabu.

*Igisobanuro nyakuri cy'ibitangaza bya Quran ni uko yaturutse ku mana.*



## Imana ninde?

Allah ni izina bwite ry'Imana. Nta kindi kintu cyakwitwa Allah.

Iri jambo ntirigira ubwinshi cyangwa ubucye igitsina gore cyangwa igitsinda gabo bitandukanye n'icyongereza aho Imana zishobora kuba nyinshi cyangwa cya igitsina gore.

Umwihariko wo kuyita "Allah" ni imyumvire ishimangira ko islam yemerako Imana ari imwe.

Ubwiza bwa islam ni uko yemera ubutungane n'umwihariko n'ubuhangange bw'Imana butagereranywa. Ibi byagaragaye aho islam igaragaza ubushobozi bw'Imana.

*"Imana yanyu ni Imana Imwe, nta yindi Mana uretse Yo, Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi."*  
Quran 2:163

## Imana ni imwe kandi ifite umwohariko:


- Imana nta abafatanyabikorwa igira, ntabwo igira abo ingana nabo ndetse ntigira abanzi.
- Imana ntigira se, nyina, ntigira abana ndetse ntigira abagore.
- Imana yonyine ikwiye gusengwa.
- Iyo haza kubaho Imana zirenze imwe byari kugabanya imbaraga n'ububasha bwayo kuko harikubaho abahangana nayo, byari kuzatuma habaho impaka zikenera kumvikana n'izindi mana.

## Imana ifite imbaraga

- Imana ifite imbaraga n'ubushobozi kubintu byose.
- Buri kintu cyose gishingiye kuriyo.
- Kwubaha Imana cyangwa kutayubaha ntibiganya ubushobozi bwayo mu buryo ubwaribwo bwose.

## Imana isumba byose

- Nta kintu na kimwe gisumba Imana cyangwa cyagereranywa nayo.
- Ubushobozi bwayo ntibungana n'ubw'ibiremwa byayo.
- Imana nta na hamwe isa n'umuntu cyangwa ikintu icyaricyo cyose.
- Imana ihora itunganye kandi ntigira aho igarukira nko kuruhuka ku munsu wa karindwi nyuma yo kurema isi nk'uko amadini amwe abivuga.



## Imana ni nyakuri kandi nyirimbabazi

- Imana ntikeneye kwitangaho igitambo kugirango ibabarire ibyaha kandi ntabwo ari umuntu wavukiye “mu byaha.”
- Imana ica urubanza kuri buriwese ishingiyeye ku bikorwa bye kandi buri wese azabazwa ibyo yakoze.
- Abantu bashobora gutandukanywa n'ibikorwa byabo n'imyemerere yabo si ubwoko, imitungo yabo cyangwa ibyiciro by'imibereho yabo.

## Imiterere ya Yesu

Hari abakristo bavugako Yesu ari Imana, ngo ni ishusho y'Imana ku isi kandi akaba ari Imana mu ishusho y'umuntu.

Cyakora, Bibiriya yerekana ko Yesu yabyawe, yararyaga, yarasengaga kandi yari afite ubwenge bwari bufite ikigero bugarukiraho, ibimenyetso byose bidakwiye Imana. Imana ishobora byose mu gihe bitandukanye n'umuntu kuko we adafite ubwo bushozi. Nonese ni gute umuntu yaba afite ubushobozi bwuzuye?!! Ibi ntabwo ari ukuri.

Hari abantu bashobora kwibaza bati:”niba Imana ishobora byose, kuki itaba umuntu?” Igisobanuro cy'Imana ni uko Imana idakora ibikorwa bidashingiye ku mana. Iyo Imana iza kwihindura umuntu ntabwo yari kuba ari Imana.

Ikindi kandi, muri Bibiriya harimo imirongo myinshi igaragaza aho Yesu avuga kandi akagaragaza ko atari Imana. Urugero: “Yesu yarubamye arasenga” (Matayo 26:39).

Niba Yesu ari Imana yari kwubama igasenga?!! Ese yari kuba isenga nde?

Hari abakristo bavugako “Yesu ari umwana w'Imana” ariko dukwiye kwibaza tuti: ibi bisobanuye iki?

Imana ntabwo ifite umwana, ahubwo igisobanuro cy'umwana ni ikimenyetso cyakoreshwaga mu rurimi rwa Bibiriya ya cyera bisobanuye “umuntu w'intungane” nka Dawudi.

Bikoreshwa cyane mu isezerano rya cyera ku bantu benshi b'intungane nka Dawudi, Salomoni na Isirayeri, ntabwo byakoreshwaga gusa kuri Yesu.

.... Isirayeri ni imfura yanjye (Itangiriro 4:22) ni rumwe muri izo ngero.

*Mu gusobanura uko Imana ifatwa muri islam ni ngombwa gusobanukirwa Yesu uwariwe nyuma y'urujijo rukwirakwizwa kuri Yesu.*

*Ntabwo bikwiye kuvugwa ko Imana ifite umwana kuko irihagije Quran 19:35*



Islam isobanura neza Yesu nyawe uwariwe ikanagaragaza imyimerere y'Imana nyakuri ndetse n'ubuhangange bwayo. Yesu yari umunyacyubahiro, intumwa y'Imana yashishikarizaga abantu gusenga Imana gusa.

### Imana yonyine niyo ikwiye gusengwa

“Kandi mujye mugaragira ALLAH, ntimukamubangikanye n'icyo ari cyo cyose.” Quran 4:36

Islam yigisha ko isengesho ryose ndetse n'ibikorwa byose byo gusingiza Imana bigomba gukorerwa Imana gusa. Nta kindi kintu gikwiye gusengwa, yaba amashusho, imva, izuba, ukwezi, amatungo, intumwa, abatagatifu, abamalayika, abapadiri, cyangwa abize idini. Ibi byose byararemwe ku bw'izo mpamvu ntibyuzuye mu gihe Imana yihagije.

### Imana ikwiye gusengwa ntawundi binyuzeho

Imana ntikeneye abafatanyabikorwa cyangwa cyangwa abahuza. Buri muntu wese afite uburenganzira bwo gusenga Imana nta wundi abinyujijeho kuko yumva kandi abayisingiza bakanayisenga.

Urugero:gusenga Imana mu kwambaza ibigirwa-mana, amashusho, cyangwa abahuza, ibi bigaragara nk'ibihinyuza ko Imana ari imwe kandi ko ariyo ikwiye gusengwa.

### Intumwa zose zahamagariwe kwambaza Imana

“Kandi twohereje intumwa muri buri gihugu gushishikariza abantu kwambaza Imana aho yavugaga iti:” ni mugaragire Imana mwirinde ibigirwamana”. Quran 16:36

Abaislam bemera intumwa zose zatumwe n'Imana.

Izo ntumwa ni : Adamu, Nowa, Abraham, Musa, Yesu na Muhammad. Bose baje bafite ubutumwa bumwe bwo gushishikariza abantu kwizera no gusenga Imana imwe y'ukuri.

### Impamvu yo kubaho ni ugusenga Imana

Akamaro k'ubuzima ni ukwemera ubuhangange bw'Imana, kuyiyegereza no kuyisenga yonyine.

Imyumvire yo gusenga muri islam ntabwo igarukira ku migenzo nko gusenga no gusiba, ni ibikorwa byose bishimisha Imana nk'imico myiza, kuba umunyakuri, ubutabera, kwihangana no gufasha abacyene.

Mu gusoza, umusingi wa islam ni ukwizera Imana Imwe rukumbi ariyo muremyi wa byose, ushobora byose. Niyo yonyine ikwiye gusengwa aha niho hari intsinzi yacu muri ubu buzima ndetse n'ubuzima bw'ahazaza.

 **HOTLINE**

**+971 56 204 2045**



**islamicicdx**

 islamicic.com  info@islamicic.com  +971 4 355 5223



DOWNLOAD RWANDA FLYER  
www.icdx.com/rwanda

# CONTENTS



# INTUMWA MUHAMMAD (AMAHORO ABE KURIWE)

RUWANDA

(03/07)

النبي محمد ﷺ

FREE COPY

*Ukwiye kumenya  
uyu mugabo*



*Your Path To Peace..*

مركز المعلومات الإسلامي  
Islamic Information Center

لتعريف بالإسلام

دائرة الشؤون الإسلامية والعمل الخيري | تصريح رقم: (2017/139) | Islamic Affairs & Charitable Activities Department

[www.islamicic.com](http://www.islamicic.com)



# MUHAMMAD (Amahoro n'imigisha bibe kuriwe) *ninde?*

*“Rwose mufite urugero rwiza rwo gukurikira ku Ntumwa ya ALLAH. Ibyo ni k'uwizera ALLAH n'umunsi w'imperuka, akanibuka ALLAH kenshi.”*  
*Qur'an 33:21*

Abaislam bemerako Muhammad ariwe wasozereje intumwa mu ruhererekane rurerure rw'intumwa zahawe inshingano zo gushishikariza abantu kwubaha no gusenga Imana yonyine (“Allah” mu rurimi rw'icyarabu)

Zimwe muri izo ntumwa ni: Adam, Noah, Abraham, Ishmael, Isaac, Jacob, Joseph, Moses, David, Salomon na Yesu (amahoro abe kuribo).

Nk'uko Moses yahawe Torah (Ibyahishuwe byahawe Moses) na Yesu (Ntabwo ari ibyanditswe biriho ubu) abaislam bemera ko Muhammad (amahoro abe kuriwe) yahawe Quran no kwerekana uko inyigisho zayo zikwiye gushyirwa mu bikorwa.

Aisha umugore w'Intumwa (amahoro abe kuriwe) yasabwe gusobanura Intumwa iyo ariyo avugako yari inkingi ya Quran bisobanuye ko yashyize mu bikorwa inyigisho zayo nziza mu buzima bwa buri munsi. Tuzerekana uburyo izi nyigisho nziza yazihinduye ibikorwa byiza.

## Igikorwa cy'impuhwe

Kimwe no gutangirira abantu gusenga, gusiba no gukora ibikorwa by'ubugiraneza, Intumwa(amahoro y'Imana abe kuriwe) yigishije ko imyizerere ku mana ikwiye kugira ingaruka nziza ku bandi aho yagize ati: “abeza muri mwebwe ni babandi bafite imico myiza”.

Imvugo nyinshi z'intumwa Muhammad (amahoro y'Imana abe kuriwe) zibanda ku isano y'imyizerere n'igikorwa. Urugero:”Umuntu wese wizera Allah n'umunsi w'imperuka ntakwiye kubabaza umuturanyi we, akwiye kwakira umushyitsi we neza kandi umuntu wese wizera Allah n'umunsi w'imperuka akwiye kuvuga ibyiza cyangwa agaceceka”.

Uwasozereje intumwa (amahoro y'Imana abe kuriwe) yigishije abantu kugira impuhwe no kwubahana : “Utagirira impuhwe abandi nawe ntazagirirwa impuhwe”.

*“Ntitwakoherewe keretse kuba impuhwe ku biremwa byose.”*  
*Qur'an 21:107*



Muyindi mvugo, hari abantu basabye intumwa (amahoro y’Imana abe kuriwe) basabye intumwa gutakambira Imana akayisaba guhana abahakanyi ariko yarabasubije ati: “Ntabwo natumwe nk’igicibwa ahubwo natumwe kugira impuhwe.”

## Imbabazi

Intumwa (amahoro y’Imana abe kuriyo) ni umuntu warushaga abandi imbabazi n’urukundo. Iyo umuntu yamutukaga yaramubabariraga, iyo yabaga afite amahane cyane, yarushagaho kwihangana. Yari umunyembabazi cyane akaba umunyembabazi cyane cyane igihe yaba afite ubushobozi bwisumbuyeho ndetse n’ubushobozi bwo kumusubiza.

*“Nibababarire banarenzeho, Ese ntimukundako ALLAH abahanağuraho ibyaha byanyu! Kandi ALLAH ni Uhebuje mu guhanağura ibyaha, Nyirimbabazi.”  
Qur’an 24:22*

Muhammad (amahoro abe kuriwe) yagiraga imbabazi cyane kandi nta cyaha na kimwe kabone n’ubwo cyabaga kiremereye cyane atashoboraga kubabarira. Yari urugero rwiza rw’imbabazi n’urukundo nk’uko byabuzwe mu mirongo ikurikira ya Quran:

“Babarira, utegeke gukora ibyiza, wirengagize injiji.”  
Qur’an 7:199

## Uburinganire

Mu mvugo zikurikira z’intumwa Muhammad (amahoro abe kuriwe) yigishije ko abantu bose bangana imbere y’Imana:

*“Rwose ubarusha icyubahiro imbere ya ALLAH ni ubarusha kuğanduka.”  
Qur’an 49.13*

Ibiremnamuntu byose bikomoka kuri Adam kandi Adam yaremwe mu ibumba. Nta busumbane hagati y’umwarabu n’utari umwarabu, umwirabura n’umuzungu cyeretse mu myemerere”.

Imana ntibacira urubanza ishingiyeye ku buryo musa cyangwa imitungo yanyu ahubwo ireba imitima yanyu n’ibikorwa byanyu”.

Iyo umusangirangendo w’intumwa (amahoro y’Imana abe kuriyo) yahamagaraga mugenzi mu buryo bw’igitutsi ati: “Wa mwana w’umugore w’umwirabura we” byarakazaga intumwa maze nayo ikamusubiza iti: “Ese uramurenganya kuko nyina ari umwirabura? Uracyafite ubujiji bwa mbere yo kuza kwa islam.



# Kwihangana

“Ntimukwiye kugirira nabi ababagiriye nabi ahubwo mubabarire ndetse mubagirire impuhwe”. Uku niko intumwa y’Imana yasozerereje izindi (amahoro abe kuriyo) yitwaraga iyo yibasirwaga akanatukwa n’umuntu.

Isoko y’ubuislam igizwe n’ibikorwa bitandukanye harimo nko kuba intumwa y’Imana ( amahoro abe kuriyo) yashoboraga kwihorera ku muntu wayigiriye nabi ariko ntiyabikoraga.

Yigishije abantu kugira ukwihangana mu gihe cy’ibibazo. Umunyantenge si uwihorera akoresheje imbaraga ze ahubwo umunyantenge ni uwitwararika ku burakari.

Kwihangana no kubabarira ntibisobanuye ko umuislam akwiye kuba umunyantenge nkeya ntiyitabare igihe asagariwe. Intumwa Muhammad (amahoro abe kuriyo) yagize ati:”Ntimuzifuze guhura n’umwanzi ariko igihe muhuye uzihangane ( Uzihagarareho igihe uhuye n’umwanzi) “.

*“Icyiza n’ikibi ntibingana. Uzajye usubirisha icyiza cyane. Ubwo uwo mufitanye urwango azaba inshuti koya, inshuti magara.”*  
Qur’an 41:34

# Kugira neza

“Ku bw’ impuhwe za ALLAH waraboroheye. Iyo uba umunyamwaga n’umunyamutima mubi bari kuguhunga.” Qur’an 3:159

Umusangirangendo wakoreye intumwa (amahoro abe kuriye) imyaka icumi yavuzeko intumwa (amahoro abe kuriyo) yacaga bugufi mu bikorwa bye.”Iyo nakoraga ikintu ntiyashidikanyaga ku buryo nagikozemo kandi iyo nabaga ntacyo nakoze ntiyambazaga impamvu ntacyo nakoze.Yari inshuti y’abantu bose.”

Umunsi umwe, umugore intumwa (amahoro abe kuriyo) yararakaye amaze gutukwa n’umuntu, intumwa y’Imana (amahoro abe kuriyo) yamugiriye Inama aramubwira ati: “ Ca bugufi witonde kuko Allah akunda abicisha bugufi bakitonda mu bintu byose”.

*“Allah dicsőségére, kedves vagy az emberekkel; ha durva és kemény szívéű lettél volna, elmenekültek volna tőled.”*  
Korán 3:159



Yaranavuze ati:” Gira ubumuntu kuko iyo habayeho guca bugufi, icyo gikorwa kiba cyiza kandi iyo bitabayeho bitama icyo kintu gita agaciro”.

## Guca Bugufi

Intumwa y’Imana yabuzaga abantu guhaguruka igihe bamubonye, yicaraga ahantu hose hateraniye abantu kandi ntiyigeze ashaka umwanya w’icyubahiro. Ntiyigeze yambara imyenda imutandukanya n’abasangirangendo be cyangwa ngo akore ibituma agaragara ko ari mu mwanya ubasumba. Yasabanaga n’abakene ndetse n’abatindi nyakujya, yaganiraga n’abasaza bakuru ndetse agafasha abapfakazi, abatari bamuzi ntibashoboraga kumwibwira cyeretse ababaga bari mu ikoraniro ry’abantu.

*“Abagaragu ba Nyirimpuhwe ni abagenda ku isi biyoroheje. Kandi injiji zabavugisha bakavuga bati: Amahoro!”  
Qur’an 25:63*

Iyo yavuganaga n’abasangirangendo be, yarababwiraga ati: “Allah yambwiye ko ngomba kwicisha bugufi. Nta muntu ukwiye kwirata kuwundi, nta muntu ukwiye gukandamiza undi”.

Ni uko yicishaga bugufi kandi yatinyaga kuramywa kuko ari icyubahiro gikwiye Imana yonyine.

“Ntimuzarengere imbibi munsenga nkuko abakritso basenga Yesu mwene Mariya.Ndi intumwa y’Imana gusa, muzanyite umugaragu wa Allah n’Intumwa ye”.

## Umugabo mwiza

Umugore w’intumwa y’Imana Aisha yavuze amagambo meza ku mugabo we mwiza agira ati:”Yamfashaga imirimo yo mu rugo rimwe na rimwe akadoda imyenda ye akadoda inkweto ze rimwe na rimwe agakubura imbuga, agakama, akagaburira amatungo ndetse akanakora imirimo yo murugo.

*“Nimubane na bo ku neza.” Qur’an 4:19*

Ntabwo yari umugabo w’urukundo gusa ahubwo yasabaga abasangirangendo gukurikira urugero rwe rwiza: “Abemera beza ni abagira imico myiza kandi abeza muri bo ni abatwara neza ku bagore babo”.




# Urugero rwiza

Ibyakurikiye ni ingero nkeya zirekana uburyo intumwa Muhammad (amahoro abe kuriwe) yabayeho mu buzima bwe.

Urugero rw'ubumuntu n'impuhwe byavuzwe bishobora kugaragarira abantu ko ari ibitangaza ukurikije isura islam ihagaze ho mu itangazamakuru n'uburyo islam ihabwa isura itariyo.

Ni ingenzi cyane iyo umuntu ashaka kumenya islam ko yamenya isoko yayo: Quran, hadithi ndetse n'imigenzo y'Intumwa Muhammad (amahoro abe kuriyo) kandi umuntu ntakwiye gucira iteka islam ashingiye ku bikorwa bibi by'abaislam bacye.



*“Kandi mu by’ukuri uri ku bupfura buhambaye.”  
Qur’an 68:4*

# Imvugo z’abantu batari abaislam

Mahatma Gandhi, umunyapolitike akaba n’umunyedini n’umuyobozi w’ishyamba riharanira ubwigenge yagize ati: **“Kwicisha bugufi, gukunda inshuti ze n’abasangirangendo be, umurava n’ubuhangange, kwizera Imana n’umuhamagaro we nibyo byatumaga abasha kwigobotora mu bibazo byose.”**

George Bernard Shaw, umwanditsi w’ikinamico w’umwongereza yagize ati: **“Isi ikeneye umuntu ufite ubwenge nk’ubwa Muhammad, abanyamadini bakuze kubera ubujiji bwabo bamufataga nk’umwanzi w’ubukritso ariko nyuma yo kumenya neza amateka y’uyu mugabo, nasanze adasanze, ari igitanzaza, nanzurako atari umwanzi w’ubukritso ahubwo ari umurokozi w’ikiremwa muntu. Iyo aza guhabwa kuyobora isi muri iki gihe, yari gucyemura ibibazo byacu akimakaza amahoro n’ibyishimo isi yifuza”.**

**HOTLINE**

**+971 56 204 2045**




**islamicicdx**



DOWNLOAD RWANDA FLVER  
www.islamicic.com/rwanda

# CONTENTS



# QUR'AN

RUWANDA

(04/07)

القرآن

FREE COPY

## Ibyahishuwe byanyuma ku biremwa muntu



Your Path To Peace..

مركز المعلومات الإسلامي  
Islamic Information Center  
للشؤون الإسلامية

دائرة الشؤون الإسلامية والعمل الخيري | تصريح رقم: (2017/139) | Islamic Affairs & Charitable Activities Department

www.islamicic.com



## Qur'an ni iki?

### Ijambo ry'Imana

Qur'an ni ijamba ry'Imana nyir'ububasha (Allah mu cyarabu) yahishuriwe intumwa Muhammad (amahoro abe kuri we) binyujijwe kuri malayika Gabriel.

*“Uku ni ukumanurwa kw'igitabo giturutse kwa ALLAH Utsinda, Ushishoza”. Qur'an 39:1*

### Umuyoboro ku biremwa muntu

*Qur'an ni: “umuyoboro ku bantu n'ibimenyetso bigaragara by'umuyoboro (wa Allah) binatandukanya ukuri n'ikinyoma”. Qur'an 2:185*

Itanga icyerekezo gifasha umuntu guhitamo icyiza n'ikibi, iyo itaza kubaho umuntu yari kuba ari mu gihombo.

### Iyahishuwe byanyuma

Qur'an ni ibyanditswe byahishuwe bwanyuma na Allah (Imana), bishimangira ukuri gucye muri bimwe mu bice by'ibyanditswe bisigaye ikaba ihakana ndetse ikanakosora ibihambano n'ibyongereweho mu byanditswe .

*“Yemwe abahawe igitabo, nimwemere ibyo twahishuye (Qur'an) bishimangira ibyo (musanzwe) mufite , ....” Qur'an 4:47*

## Qur'an yahishuwe gute?

Qur'an yahishuriwe intumwa Muhammad (amahoro abe kuriyo) ikaba yanditswe mu rurimi yahishuwemo arirwo rw'icyarabu. Cyakora yasemuwe mu ndimi nyinshi.

Qur'an ntabwo yahishuwe nk'igitabo cyuzuye icyarimwe; ahubwo yahishuwe mu bihe binyuranye mu myaka 23.

Ku bw'iyoy mpamvu, ni ngombwa kumenya uburyo imirongo yayo yahishuwemo kugirango tuyisobanukirwe neza; bitabaye ibyo inyigisho zayo zakumvwa nabi.



# YATURUTSE KU MANA?

## Ububiko

Qur'an nicyo gitabo cy'idini cyabayeho igihe kirekire ariko ikaba yaragumanye umwimerere wayo nk'uko yahishuwe. Nta kintu yongereweho, cyangwa yakuwemo cyangwa ngo ihindurweho kuva yahishurwa mu myaka 1400 ishize.

*"Mu by'ukuri, ni twe twahishuye urwibutso (Qur'an), kandi rwose ni natwe tuzarurinda". Qur'an 15:09*

Qur'an ntabwo yahishuwe mu buryo bw'imyandikire gusa ahubwo no mu mitima y'abagabo, abana ndetse n'abagore. Abantu ama miliyoni n'ama miliyoni ku isi bafashe mu mutwe Quran.

## Ibitangaza bya science


Qur'an ntabwo ihinyuza science igezweho ahubwo irayunganira. Imwe mu mironko ya Qur'an isobanura neza ubuzima bw'imyororokere, iteganyagihe, ubumwenyi bw'ikirere, ubuzima bw'ibikoko, ibyerekeye inyanja.

*"(Vuba aha) tuzabereka ibimenyetso byacu mu kirere ndetse no muri bo ubwabo, kuzeza ubwo bagaragarawe ko iyi (Qur'an) ari ukuri". Qur'an 41:53*

Ndetse abashakashatsi basanze ibyanditswe byayo ari iby'ukuri mu gitabo cyo mu kinyejana cya 7.

Mu by'ukuri, byinshi mu bitangaza bya science bivugwa muri Qur'an, byavumbuwe n'abashakashatsi vuba bakoresheje ibikoresho bigezweho by'ikoranabuhanga. Muribyo twavugaga ibi bikurikira:

- Qur'an isobanura byimbitse ubuzima bw'imyororekere. Ibi ntabwo abashashatsi mu bya science bari babizi babimenye vuba.
- Qur'an ivugako ibintu bigize ikirere(inyenyeri, imibumbe, ukwezi n'ibindi), Byose byakozwe mu bicu. Ibi bikaba bitari bizwi ariko ubu byatangiyeye gukoreshwa mu ikoranabuhanga.
- Science yavumbuye aho inyanja ebyiri zihurira ziba zifite ibipimo byazo by'ubushyuhu, ingano yabyo ndetse n'umunyu.



Ibi bimenyetso by'Imana byasobanuwe neza mu myaka isaga 1400.

### Umwihariko

Kuva yahishurwa, nta muntu n'umwe wari wandika igika kimwe nk'icya Qur'an mu bwiza bwayo, imvugo, ubwiza, ubwenge, ubuhanuzi ndetse n'ibindi biranga byiza.

Abantu bihakanye Muhammad (amahoro abe kuri we) baratsinzwe n'ubwo bari abahanga cyane mu rurimi rwa Qur'an. Kugeza uyu munsu, iki kibazo ntikirabonerwa umuti.

*“Kandi niba mushidikanya ku byo twahishuriye umugaragu wacu (Muhamadi), ngaho nimuzane igice cya Quran(Surat)kimwe kimeze nka yo (Qur'an), ndetse munahamagare abunganizi banyu batari Allah, niba muri abanyakuri”.*  
Qur'an 2:23

### Nta kwivuguruza

Iyo abantu bandika, bakora amakosa y'imyandikire, ikiboneza-mvugo, ibintu bidafite ishingiro n'andi makosa .

Qur'an nta kwivuguruza kubamo, ibisobanuro bya siyansi y'izingiro y'amazi, imyororokere, ubuzima bw'ibikoko, ikirere, amateka n'ubuhanuzi.

*“Ese ntibatekereza kuri Qur'an? Iyo iza kuba yaraturutse ku wundi utari Allah, rwose bari kuyisangamo ukwivuguruza kw'inshi”.*  
Qur'an 4:82

### Ese ntabwo yaba yaranditswe na Muhammad?

Intumwa Muhammad (amahoro abe kuriwe) mu mateka yari azwi nk'injiji nti yashoboraga gusoma cyangwa kwandika. Ntabwo yari yarize mu buryo ubwaribwo bwose bwaba ubwa

siyansi cyangwa amateka cyangwa ubwiza bw'ubuvanganzo bw'iki gitabo cy'igitangaza. Amateka y'abantu ba cyera yavuzwe muri Qur'an nayo ubwayo yari akomeye cyane ntiyari kwandikwa n'umuntu.

*“Ntibishoboka ko iyi Qur'an yazanwa n'undi utari Allah”.* Qur'an 10:37



## Impamvu yo guhishurirwa ubutumwa

### Kwizera Imana imwe

*“Kandi Imana yanyu ni Imana imwe, nta yindi mana ikwiye gusengwa by’ukuri uretse yo, Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi”. Qur’an 2:163*

Ingingo y’ingenzi yavuzwe muri yose ni ukwizera Imana imwe, Imana y’ukuri, Imana itubwira ko idafite umufatanyabikorwa, nta mwana igira, ntawe bangana kandi ntawundi ukwiye gusengwa usibye yo yonyine. Nta kintu wagereranya n’Imana kandi nta kiremwa cyayo na kimwe gisa nayo. Qur’an kandi yamagana ikiremnamuntu cyisananisha n’Imana.

### Guhakana ibigirwamana byose

*“Kandi mujye mugaragira Allah, ntimukamubangikanye n’icyo ari cyo cyose;” Qur’an 4:36*

Mu gihe Allah wenyine ariwe ukwiye gusengwa Imana z’ibinyoma zigomba kwamaganwa. Qur’an yanga igitekerezo cy’aho ububasha bw’Imana bwitirirwa umuntu uretse Allah.

### Kuvuga ibyabaye cyera

Qur’an irimo amateka afite amasomo y’ingirakamaro ku ntumwa zo ha mbere nka Adam, Noah, Abraham, Yesu na Musa, muri aya mateka Allah atwibutsa,

*“Rwose muri (izo) nkuru zabo harimo inyigisho ku banyabwenge”. Qur’an 12:111*

### Kwibutsa umunsi w’urubanza

Igitabo gitagatifu kitwibutsa ko umuntu wese azapfa kandi akazabazwa ibyo yakoze

*“Ndetse tuzashyira (ahagaragara) iminzani y’ubutabera ku munsi w’imperuka, ku buryo nta muntu n’umwe uzarenganywa, ....” Qur’an 21:47*

### Gusohoza uburyo bukwiye mu buzima

Ni ingenzi cyane kuba Qur’an itwigisha ko impamvu yo kubaho ari ugusenga Imana yonyine kandi umuntu akabaho akurikije uko yabigenye. Muri Islam GUSENGA ni ijambo ryuzuye rigizwe n’ibikorwa ndetse n’ivugo (by’umuntu ku giti cye cyangwa rusange) Imana ikunda kandi yishimira. Kubera izo mpamvu, mu gukora ibyo Allah ategeka, umuislam asenga ndetse akanashyira mu bikorwa impamvu yo kubaho.



